REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyanza, ku wa 12.05.2020
N° 0414/07.02

INTARA Y'AMAJYEPFO
BP 41 NYANZA
TEL 252533385 FAX 252 533380
E-mail: south@southernprovince.gov.rw

**Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka KAMONYI**
**KAMONYI**

**Impamvu** : Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka KAMONYI yateranye ku wa 13 Werurwe 2020

Bwana Perezida,

Nyuma yo gusuzuma ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yateranye ku itariki ya 13 Werurwe 2020; turabashimira ibyemezo byafashwe tukaba tubasaba ko bishyirwa mu bikorwa.

Mugire akazi keza.

**CG GASANA K. Emmanuel**
**Guverineri w'Intara y'Amajyepfo**

**Bimenyeshejwe :**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI**
- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi
  **KAMONYI**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA KAMONYI**
**B.P. 03 MUHANGA**
**E-mail:** kamonyi@kamonyi.gov.rw

**Kamonyi,** ku wa 18 Werurwe 2020
N°.........34............/07.02/08DC

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyepfo
**NYANZA**

**Impamvu** :Kohereza Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yateranye kuwa 13 Werurwe 2020

Bwana Guverineri,

Nishimiye kubohereza ku mugereka w'iyi baruwa Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yateranye kuwa 13 Werurwe 2020.

Mbifurije kubyakira neza.

20/03/20

**NYONI E. Lambert**
Perezida w'Inama Njyanama y' Akarere ka **KAMONYI**

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI

**Bimenyeshejwe :**
Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **MINALOC**
**KIGALI**
Madamu Umuyobozi w'Akarere
**KAMONYI**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KUWA 13 WERURWE 2020 No 26. /2020 DC**

None ku wa gatanu tariki ya 13 Werurwe 2020, mu cyumba cy'inama cy 'Akarere ka Kamonyi guhera i saa tatu zuzuye (9h00), habereye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka kamonyi iyobowe na Perezida wayo Bwana NYONI E.Lambert. Mu gutangiza iyi nama Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yashimiye abitabiriye inama; yakomeje agaragaza abajyanama batitabiriye inama n'impamvu zabo aribo :

KARASIRA Ernest : Yitabiriye inama y'akazi

UWANTEGE Agnes : Yitabiriye inama y'akazi

BUTARE Leonard: Yagize impamvu z'akazi

ZINARIZIMA Diogene: Ararwaye

UTAMURIZA Christine: Yitabiriye inama y'akazi

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI

Yibukije kandi ingingo ziri buganirwego arizo:

**1.Kwemeza inyandikomvugo y'inama iheruka yo kuwa 20 Ukuboza 2019**

**2.Kugezwaho raporo y'ibyavuye mu nama y'abanyamigabane ba KIG**

**3.Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo ahoraho agize inama Njyanama**

**4. Kwemeza raporo y'ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'umwaka wa 2019-2020 no kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'umwaka 2019-2020**

**5.Kwemeza Site zo guturamo zirimo gutunganywa mu mujyi wa Kamonyi**

**6.Kurebera hamwe raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro y'ubugenzuzi bwakorewe Akarere no gusangira amakuru ku ruzinduko rw'intumwa za rubanda zigize PAC.**

**7.Ibindi.**

IBYEMEZO BYAFASHWE NYUMA YO KUGANIRA KU NGINGO ZIRI KUMURONGO W'IBYIGWA

| N0 | INGINGO ZAGANIRIWEHO | ICYEMEZO CYAFASHWE | UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE | UZASHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CYAFASHWE | IGIHE ICYEMEZO KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|---|
| I. | Kwemeza inyandikomvugo y'inama iheruka yo | Abajyanama bemeje:<br>1.Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'inama | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Werurwe 2020 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | **kuwa 30.12.2019** | njyanama yo kuwa 30 ukuboza 2019<br><br>**2.**Nyuma yo kubona ko umwanzuro wo gusonera abaturage ibihano by'inyungu ku birarane by'umusoro w'ubutaka kuva 2012 kugera 31 ukuboza 2019 utashyizwe mu bikorwa kuko RRA itakuye ibihano muri sisiteme ;Abajyanama bemeje ko abaturage bahabwa igihe cyo gusonerwa ibihano by'inyungu ku birarane by'umusoro w'ubutaka bikazarangirana n'itariki ya 30 kamena 2020 | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama. | Komite Nyobozi | 30 kamena 202 |
| **II.** | **2.Kugezwaho raporo y'ibyavuye mu nama y'abanyamigabane ba KIG** | - | - | | |



INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA [illegible]

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| III | **3.Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo agize inama Njyanama.** | Abajyanama bamaze kugezwaho raporo z'amakomisiyo ahoraho agize inama njyanama bafashe ibyemezo bikurikira:<br><br>**A) MURI KOMISIYO Y'IMIBEREHO MYIZA**<br><br>Abajyanama bemeje:<br><br>**3.**Abajyananama bemeje ko amarerero yo mu ngo ( Home based ECDs). Yashyirwamo imbaraga hagakorwa ubukangurambaga byibura buri mudugudu ukagira amarerero atatu.<br><br>**B) KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU**<br><br>4.Abajyanama bemeje ko :**UWITEGUYE Therese** wandikiye inama njyanama asaba gukurirwaho imisoro, akurirwaho imisoro ku butaka buri kuri **UPI:2/08/01/04/215** buherereye mu Murenge wa Gacurabwenge ,Akagali ka Nkingo umudugudu wa MATABA<br><br>**5.NDAYISABA Francois Xavier** waguze ubutaka na **MUREKATETET Rose** ,akaba yandikira inama njynama ngo imurenganure | Ibi byemezo byavuye muri Raporo z'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama byafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama.<br><br>Ibi byemezo byafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere<br><br>Komite Nyobozi y'Akarere | Werurwe- Kam 2020<br><br>Mata 2020 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | abone icyangombwa cy'ubutaka kuko Akarere kakibitse,<br><br>Inama Njyanama yemeje ko:<br>**MUREKATETET Rose** wagurishije ubutaka abanza akandikirwa asabwa kugaragaza ibyangombwa (inyandiko zigaragaza aho Akarere kamuhereye ubutaka bwose kuko avuga ko yahawe n'Akarere inshuro ebyiri.bikazafasha gusubiza **NDAYISABA Francois Xavier** baguze akaba atarabona icyangombwa cy'ubutaka.<br><br>6.**NAHIMANA Philippe** usaba kubaka station mu butaka bwe buhereremye mu Murenge wa Runda Inama Njyanama yemeje ko :<br><br>yakongera kwandikirwa asabwa gukoresha ubutaka bwe icyo bwagenewe ku gishuhanyo mbonera cy'umujyi wa kamonyi.<br><br>7.**MUGANANKIKO Marc** usaba guhabwa ubutaka yita ubwe buherereye mu Murenge wa Runda Inama Njyanama yemeje ko yandikirwa amenyeshwa ko agomba kuzana kopi y'umwimerere yahereweho ubutaka na komini akayizanira.<br><br>8.**MUKARURANGWA Immaculee**: Usaba Inama Njyanama ko yamurenganura ku butaka | | | |



8'.

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | bwa se **NYIRUBUTABI Martin** Inama Njyanama yemeje ko yandikirwa akamenyehwa ko yagana inkiko kugirango hakurikizwe amabwiriza y'izungura.<br><br>**9.UWAMURERA Hadidja:** Wandikiye inama njyanama asaba ko Akarere kamusubiza ubutaka bw'Umuryango wa Rujebeka buherereye mu Murenge wa Runda buriho ubusitani n'igiti cy'ubumwe n'ubwiyunge,<br><br>Inama Njyanama yemeje ko yandikirwa akagaragaza umukuru w'umuryango uhagarariye umuryango wa RUJEBEKA kandi bakagaragaza inyandiko zigaragaza ko ubutaka ari ubwabo. | | | |
| IV | **4. Kwemeza raporo y'ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'umwaka wa 2019-2020** | 10.Abajyanama bemeje ingengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2019-2020 ingana na **16,290,366,141 frw.** | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Komite nyobozi y'Akarere | Werurwe2020-Kamena 2020 |
| V | **5. Kwemeza Site zo guturamo zirimo gutunganywa mu mujyi wa Kamonyi** | **11**.Abajyanama bemeje ibishushanyo byihariye by'imitunganyirize ya site 3 zo guturamo zatunganijwe mu mujyi wa Kamonyi arizo: site ya **NTEBE** mu Murenge wa Rugalika;site ya **NYAGACYAMO** mu Murenge wa Runda na site ya **NYAGASOZI** mu | Ibi byemezo byafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Komite nyobozi y'Akarere | WERURWE - MATA 2020 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Murenge wa Gacurabwenge.<br><br>**12.**Abajyanama bemeje inyandiko ngenderwaho Akarere ka Kamonyi kifashisha mu gufasha abaturage kwitunganyiriza site z'imiturire .<br><br>**13.**Abajyanama bemeje ko gutanga ibyangombwa byo kubaka ahandi hose hataremezwa nka site yo guturamo bihagarikwa uretse site zisanzwe zaratunganyijwe kuva 2008-2014 zisanzwe zitangwaho ibyangombwa arizo: Rugazi,Nyagacaca,Nyabitare,Muganza,Rubumba,Nyagacyamo,Mushimba,Rubona | | | |
| **VI** | **6.Kurebera hamwe raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro y'ubugenzuzi bwakorewe**<br><br>**Akarere no gusangira amakuru ku ruzinduko rw'intumwa za rubanda zigize PAC.** | - | - | | |
| **7.** | **Ibindi;** | - | - | | |



8'

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku bajyanama uko kwirinda icyorezo cya coronavirus bihagaze mu Karere ka Kamonyi | | | | |
| | **INGINGO ZAGANIRIWE NI :7** | **IBYEMEZO BYAFASHWE BYOSE NI:13** | | | |

Inama yasoje Imirimo yayo isaa sita n'iminota mirongo itatu(12h30); Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abajyanama ku bitekerezo byiza batanze.

**MUKANYANDWI Rose**
**Umunyamabanga w'Inama Njyanama**

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI

**NYONI E.Lambert**
**Umuyobozi w'Inama Njyanama**

20/03/20